**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kayonza, kuwa 03/10/2018**

**No……220……../07.05.04**

RECEPTION
MINALOC
Date 03/10/2018

Kayonza District
Reception Mayor's Office
Date 3/10/18
Signature

Eastern Province
For reception
Date 03 OCT 2018
Signature


**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA KAYONZA**
**P.O.BOX 03 RWAMAGANA**
kayonzadistrict@minaloc.gov.rw


**Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bwana Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye tariki ya 28/09/2018.

Mugire amahoro.

**MUKAMUYENZI Valentine**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka
  **KAYONZA**

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YO KUWA 28/09/2018

Hashingiye ku Itegeko Nº 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Hashingiye kandi ku Iteka rya Minisitiri Nº002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rigena amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage;

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye kuwa 28/09/2018 kuva saa yine za mugitondo (10h00) ibera ku cyicaro cy'Akarere ka Kayonza mu cyumba kinini cy'inama, iyoborwa n'umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza Madame MUKAMUYENZI Valentine.

Inama Njyanama yitabiriwe n'Abajyanama b'Akarere cumi n'umunani kuri makumyabiri na batandatu (18/26) bagize Inama Njyanama y'Akarere, bahwanye na 69,2% by'ubwitabire.

**<u>Abajyanama batitabiriye inama n'impamvu</u>**:

1. Bwana MURENZI J.Claude: Umujyanama akaba n'Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza, yari yitabiriye umwiherero w'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze i Gabiro;
2. Bwana HARELIMANA J. Damascene: Umujyanama akaba n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza, yitabiriye umwiherero w'Abayobozi b'inzego z'ibanze i Gabiro;
3. Madamu MUNGANYINKA Hope: Umujyanama akaba n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yitabiriye umwiherero w'Abayobozi b'inzego z'ibanze i Gabiro;

4. Madame MUSABYIMANA Anathalie: yemerewe uruhushya n'Umuyobozi w'Inama Njyanama kuko yari arwaye;
5. Bwana MUTANGANA Eugene: yatanze impamvu z'akazi kandi yemerewe uruhushya n'Umuyobozi w'Inama Njyanama;
6. Bwana ZIGIRA Alphonse: yatanze impamvu z'akazi kandi yemerewe uruhushya n'Umuyobozi w'Inama Njyanama;
7. Bwana MWISENEZA J. Claude: yatanze impamvu z'akazi kandi yemerewe uruhushya n'Umuyobozi w'Inama Njyanama;
8. Bwana GAKUMBA Geoffey: yagiye kwiga hanze y'igihugu.

**ABANDI BITABIRIYE INAMA:**

Abagize inzego z'Umutekano mu Karere ka Kayonza, Abayobozi b'Amashami mu Karere Kayonza n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Kayonza.

Hamaze kuririmbwa indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye ikaze anashimira abitabiriye inama bose, yiibutsa Abajyanama ingingo ziri buganirweho kugirango bazemeze;

Maze nyuma yo kuziganiraho bongeraho ibi bikurikira:

- Kugezwaho amakuru kuri gahunda y'umuganda usoza ukwezi kwa Nzeri/2018 uteganijwe kuwa 29/09/2018;
- Kwemeza inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 28/06/2018
- Kugezwaho Raporo y'inama ya Komite Ngenzuzi y'Inama Njyanama y'Akarere n'ibyifuzo Komite Ngenzuzi yifuza ko Inama Njyanama yafataho umwanzuro,

Abajyanama mu bwisanzure barazemeza zose maze Ingingo zizweho ziba izi zikurikira;

1. Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 06/05/2018, inama idasanzwe yo kuwa 28/06/2018 n'iyo yo kuwa 05/07/2018, no kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yazifatiwemo;
2. Gusuzuma no kwemeza inyandiko igaragaza imitangire ya serivisi mu nzego z'Ibanze (LGS Charters);
3. Kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari y'Akarere, progress y'Imihigo Igihembwe cya mbere na gahunda y'ishyiwa mu bikorwa (Implementation Plan) no kugezwaho gahunda y'amatsinda azakurikirana ibyo bikorwa;
4. Gusuzuma inyandiko z'ubusabe bw'abaturage byagejejwe ku Nama Njyanama;
5. Kugezwaho raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama n'iya Komite Ngenzuzi y'Inama Njyanama;
6. Ibindi. Guhabwa amakuru kuri gahunda y'umuganda usoza ukwezi kwa Nzeri/2018.

Abagize Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo kuri buri ngingo, Inama Njyanama ifata imyanzuro ikurikira:

- **INGINGO YA MBERE**

**UMWANZURO WA 1**

Inama Njyanama yagejejweho inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 06/05/2018, iy'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 28/06/2018

n'iy'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 05/07/2018, bazunguranaho ibitekerezo, bazikorera ubugororangingo, maze Inama Njyanama izemeza zose ku bwumvikane busesuye.

**UMWANZURO WA 2**

Abari mu nama bagejejweho n'Umukozi w'Akarere ushinzwe ibikorwa by'Inama Njyanama afatanije n'Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi mu Karere akaba ari nawe wari umusigire w'Umuyobozi w'Akarere uko imyanzuro y'Inama Njyanama yashyizwe mu bikorwa, abari mu nama banyurwa n'uburyo imyanzuro yashyizwe mu bikorwa, bifuza ko imyanzuro itarashyirwa mu bikorwa nayo yakwihutishwa ikarangira vuba, nko gushyira inzira z'abafite ubumuga aho zitarashyirwa hose kandi icyo cyiciro gisabayo serivice, gutegura amadosiye yose akenewe kugirango ibiteganijwe gukorwa ngo inama (recommendations) z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yagiriye Akarere zikorwe, hibandwa cyane cyane ku kibazo cy'umushinga wa SURUDI, uwa SOYCO n'uwa RFTC.

Inama Njyanama kandi yasabye ko abakozi bo mu Tugari bahabwa amafaranga 30,000frw ku kwezi akomoka ku mahoro yinjizwa mu Karere (Own Revenues) azababfasha gukora akazi bityo bakarushaho kwegera abaturage nk'uko byari byaremejwe n'Inama Njyanama bikanateganwa no mu ngengo y'Imari 2018/2019. Inama isaba ko byakorwa vuba Utugari tugahabwa mafanga yose y'igihembwe cya mbere tutabonye.

Inama Njyanama kandi yasabye ko Local Economic Development Strategy (LED) yamenyekanishwa mu baturage n'abandi bafatanyabikorwa hakoreshejwe uburyo butandukanye bwose bwashoboka. (Radios, Televisions n'ibindi......) kugirango abafite ubushobozi bazitabire gushora imari mu Karere.

- **INGINGO YA 2**

Nyuma yo kugezwaho n'Umukozi w'Akarere wo mu ishami ry'ibikorwa remezo, inyandiko igaragaza imitangire ya serivisi mu nzego z'Ibanze (LGS Charters) ivuguruye yoherejwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Abajyanama bayunguranyeho ibitekerezo, basanga iteguye neza, igaragaza serivisi zizatangwa n'urwego ruzazitanga, abazazisaba n'uko bazazihabwa. Maze Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira.

**UMWANZURO WA 3**

Inyandiko igaragaza imitangire ya serivisi mu nzego z'Ibanze (LGS Charters) yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yo kuwa 28/09/2018 ku bwumvikane busesuye. Abajyanama bifuza ko iyo nyandiko igaragaza imitangire ya serivisi yamenyekanishwa ku nzego zose zizagira uruhare mu kugeza izo serivisi ku bagenerwabikorwa.

Inama Njyanama yifuje ko itangwa ry'akazi ku bakozi bo muri serivisi z'ubuzima naryo ryajya rikorerwa ku rwego rw'Umurenge nk'uko byateganyijwe muri serivisi z'uburezi ku barimu muri iyo nyandiko ya serivisi ivuguruye, maze Abajyanama basaba ko no kubaganga nabyo byazakorerwa ubuvugizi bigasuzumwa neza bikazongerwamo.

- **INGINGO YA 3**

**UMWANZURO WA 4**

Inama Njyanama imaze kugezwaho n'Umuyobozi w'Imari mu Karere ka Kayonza (DOF) aho Ingengo y'Imari y'Akarere y'umwaka wa 2018/2019 igeze ishyirwa mu bikorwa mu gihembwe cya mbere, Abajyanama bunguranye ibitekerezo kubyo bari bamaze kugezwaho, bifuza ko hashyirwa imbaraga mu kwihutisha bimwe mu

bikorwa bitarangiye kandi byakabaye birangirana n'igihembwe cya mbere nko gutanga amasoko n'ibindi, kandi imishinga yamaze gutangirwa amasoko itangire gushyirwa mu bikorwa.

**UMWANZURO WA 5**

Bamaze kugezwaho n'Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi progress y'Imihigo Igihembwe cya mbere, aho imihigo yari iteganijwe muri iki gihembwe igeze kuri 75,7% mu mihigo iri mu nkingi y'Ubukungu, imihigo iri mu nkingi y'Imibereho Myiza igeze kuri 70,7%, naho iyo mu nkingi y'Imiyoborere Myiza igeze kuri 80,8%, ariko ku gipimo cy'umwaka imihigo ikaba igeze kuri 19,6%, inama yemeje ko hashyirwa imbaraga nyinshi ku mishinga yose itaratangizwa, aho bisaba gutanga amasoko cyangwa gusinya amasezerano na ba Rwiyemezamirimo byihutishwe, ahakenewe imbaraga z'Abajyanama n'abafatanyabikorwa bandi bikorwe ku gihe, amatsinda azakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere akora isuzuma rya buri gihembwe. Imishinga yadindiye ikurikiranwe habeho ibiganiro na Rwiyemezamirimo (Reserve force) ku cyakorwa ngo byihute.

**UMWANZURO WA 6**

Inama Njyanama yemeje ko gahunda y'Iteganyabikorwa (Action Plan) yakomeza gukurikiranwa mu ma Komisiyo muri buri rwego (Clusters) maze ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo n'iry'iteganyabikorwa (Implementation Plan) rikagaragaza ibipimo (Target) z'igihembwe, bikajya bikurikizwa mu isuzuma ry'ibikorwa buri gihembwe.

**UMWANZURO WA 7**

Inama Njyanama imaze kugaragarizwa n'umukozi w'Akarere ushinzwe igenamigambi amatsinda azakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere

ndetse n'ibindi bikorwa byose biteza umuturage imbere, Abajyanama bashimye uko ayo matsinda yateguwe, bifuza ko hakongewamo n'urwego rw'Abajyanama, JADF nk'uko byemejwe muri raporo y' icyumweru cy'Umujyanama cyabaye kuva kuwa 09/03/2018 kugeza kuwa 16/03/2018, mu mwanzuro wayo wa mbere, maze inama isaba ko ayo matsinda yarushaho kunoza imikorere hagamijwe kunoza ibitaragenze neza umwaka washize.

- **INGINGO YA 4**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje kubari mu nama inyandiko z'ubusabe bw'abaturage zivugwa muri iyi ngingo, anabagezaho uko inama isanzwe y'Abaperezida y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye kuwa 23/09/2018 yabitanzeho umurongo, abari mu nama bungurana ibitekerezo kuri izo nyandiko, bafata imyanzuro ikurikira:

**<u>UMWANZURO WA 8</u>**

Inama Njyanama yasuzumye ubusabe bwa Bwana NSENGIMANA Jean Damascène utuye mu Murenge wa Kabare akaba ari no mu cyiciro cya kabiri cy'ubudehe, wandikiye inzego zitandukanye (PSF, RRA n'Inama Njyanama) asaba guhagarikirwa TIN number no gukurirwaho imisoro n'amahoro yabaririwaga kandi atagikora ubucuruzi, Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza nayo mu bugenzuzi yakoze binyuze muri Komisiyo y'ubukungu yemeza ko ubusabe bwa NSENGIMANA J.Damascène bufite ishingiro,

Maze Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye kuwa 28/09/2018 yemeza ko Bwana NSENGIMANA Jean Damascène akurirwaho amahoro yishyuzwaga n'Akarere ka Kayonza kuko ubucuruzi yakoraga bwahombye agitangira akaba yarahagaritse n'umurimo w'ubucuruzi bwa Salon yakoraga.

**UMWANZURO WA 9**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bwa CPR yasabaga ikibanza cyo kubakamo ishuri ry'incuke, inama imaze kubona ko aho ubutaka busabwa hagenewe ibindi bikorwa nk'uko bigaragara ku gishushanyo mbonera (Master plan) cy'Akarere kandi iyo Master plan ikaba itarahinduka, Inama Njyanama yemeje ko uwo mufatanyabikorwa yashakirwa ahandi yifuza kandi akoroherezwa kuhabona, kuko aho yifuzaga hatagenewe ishuri, Inama isaba ko mu gihe kitarenze icyumweru, Komite Nyobozi y'Akarere yazamusobanurira impamvu atabonye aho yifuzaga akandikirwa n'ibaruwa isubiza kuri ubwo busabe bwe.

**UMWANZURO WA 10**

Inama Njyanama imaze gukora ubusesenguzi ku butaka bwasabwaga n'ishuri ribanza rya Rusave ngo hashyirwemo ikibuga cy'imikino, Inama imaze gusanga ubwo butaka basaba atari ubw'Akarere, ahubwo ari ubwa Minisiteri y'amashyamba, Inama Njyanama yasanze bidashoboka gutanga ubutaka butari ubw'AKarere, isaba ko ubuyobozi bw'Akarere bufatanije n'ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri cya Rusave bareba ko hafi y'ikigo cy'ishuri cya Rusave hari ubundi butaka bwagurwa bikazateganwa mu ngengo y'imari iryo shuri rigahabwa aho gushyira ikibuga abanyeshuri bakwidagaduriraho.

**UMWANZURO WA 11**

Inama Njyanama imaze gusuzuma no gukora ubusesenguzi ku ibaruwa ya Komite Nyobozi yasabaga gufata umwanzuro ku kibanza cyahawe umucuruzi Kayombya n'icyahoze ari Komine Muhazi uyu munsi hakaba ari mu Karere ka Kayonza ariko Kayombya akaba atarakoresheje ikibanza icyo yagisabiye hashize igihe kirekire, inama isanzwe y'Inama Njyanama imaze kubona ko nta nyandiko cyangwa raporo zibutsa uwo mucuruzi gukoresha ubwo butaka, yemeje ko Umuyobozi w'Akarere

yandikira Kayombya amwibutsa gukoresha ikibanza icyo yagisabiye agahabwa n'igihe, atazabyubahiriza akazacyamburwa n'ubuyobozi nk'uko amategeko abiteganya.

Inama Njyanama yifuje ko ny'uma yo kwandikira Kayombya Komite Nyobozi y'Akarere yazamuhamagara bakanaganira kuri icyo kibazo kandi inyandikomvugo y'ibyo bemeranyijwe igakorerwa raporo, Inama Njyanama igahabwa kopi bikazashingirwaho mu mwanzuro w'Inama Njyanama izaterana mu gihembwe cya kabiri.

- **INGINGO YA 5**

Abari mu nama bagejejweho raporo z'ama Komisiyo agize Inama Njyanama ndetse na raporo y'inama yakozwe na Komite Ngenzuzi y'Inama Njyanama y'Akarere (Audit Committee) abari mu nama bunguranye ibitekerezo kubyo bari bamaze kugezwaho, Inama Njyanama ifata imyanzuro ikurikira:

**UMWAZNURO WA 12**

Mu rwego rwo kurushaho gukurikirana abakozi b'Akarere no gukosora abatannye cyangwa kubahana, Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yasabye Inama Njyanama gushyigikira umwanzuro wa Komisiyo wo gusaba Umuyobozi w'Akarere gutanga zimwe mu nshingano ku bayobozi b'ibigo bishamikiye ku Karere (Delegation of powers) aho abona ko byafasha gukurikirana abakozi bitanyuranyije n'itegeko kandi bidahutaje abakozi, Inama Njyanama ishyigikira uwo mwanzuro.

**UMWANZURO WA 13**

Muri Komisiyo y'Imibereho Myiza y'abaturage yagaragaje ikibazo kiri mu burezi aho abana ku bigo bimwe na bimwe bamaze igihe badafite abarimu, Inama Njyanama imaze kubona ko igikorwa cy'ishyirwa mu myanya ry'abarimu cyatinze

ukurikije ikibazo gihari, Inama Njyanama yongeye gusaba ko byakwihutishwa, nibura umwaka utaha amashuri adafite abarimu akazababona. Inama kandi isaba ko Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza yazagaragariza Inama Njyanama itaha ingamba afite mu gukemura icyo kibazo.

Bamaze kugezwaho n'Umunyamabanga wa Audit Committee uko ibibazo bigaragara mu bitaro by'Akarere bya Gahini biteye, Abajyanama bagasanga muri ibyo bitaro harimo abakozi bake ku buryo imyanya myinshi yo kuri structure nshya ya MINISANTE nta bakozi bayirimo, abandi ugasanga bari mu myanya nta mpamyabumenyi (Diplome) bagira, ndetse muri ibyo bitaro hakaba hari umukozi uhembwa nk'umukozi w'ibitaro ku mwanya w'umukozi ushinzwe ikoranabuhanga (IT), ariko akongera akanishyurwa nka Rwiyemezamirimo muri ibyo bitaro kuko ahafite isoko ryo gukora imashini (maintenance) z'ibitaro ndetse no mu mavuriro (Ibigo Nderabuzima) yo muri zone y'Ibitaro bya Gahini, kuri ibyo bibazo Inama Njyanama yafashe umwanzuro ukurikira:

**<u>UMWANZURO WA 14</u>**

Inama Njyanama yasanze ko Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Gahini ifite inshingano zo gukemura ibibazo biri mu bitaro, maze Inama Njyanama yemeza ko Inama y'Ubutegetsi y'ibitaro bya Gahini ifatanyije na Komite Nyobozi y'Akarere bakurikirana ibibazo biri muri ibyo Bitaro bigakemuka, inyandiko igaragaza uko byakemuwe ikazagezwa ku Nama Njyanama nibura mu byumweru bibiri. Inama kandi yasabye ko Komite Nyobozi y'Akarere yashyikiriza inzego zibishinzwe umukozi w'ibitaro ushinzwe ikoranabuhanga (IT) akaba na Rwiyemezamirimo ufite company yitwa BINFOTECH LTD itanga service ijyanye n'ikoranabuhanga ubu yishyuza ibitaro amafaranga angana na Miliyoni zirindwi ibihumbi magana ane na makumyabiri na magana inani mirongo irindwi n'atanu (7,420,875frw) yita

ay'ibirarane, akazashyikirizwa inzego zibishinzwe maze akaryozwa umutungo wa Leta ndetse n'ababigizemo uruhare ngo ahabwe iryo soko bakaba bakurikiranwa.

Abari mu nama bamaze kugezwaho uko gahunda ya VUP (Minimum Package) mu itangwa ry'ihene mu mwaka w'ingengo y'Imari wa 2016/2017 mu murenge wa Kabare byakozwe mu buryo budakurikije amabwiriza y'iyo gahunda, aho ihene zatanzwe zari ntoya, urutonde rw'abazihabwaga rukagaragara rutandukanye, abakozi b'Akarere (ishami rya Social Protection) babikurikiranaga bagatanga raporo batageze aho bibera kandi bagasinyira ibyo batabonye n'andi makosa yagaragaye, hagamijwe gukosora ayo makosa, Inama Njyanama yafashe umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 15**

Inama Njyanama yemeje ko abakozi b'Akarere baba abakorera ku biro by'Akarere cyangwa abakorera mu Murenge wa Kabare (aho iyo gahunda ya Minimum Package ikorera) bagize uruhare mu gutanga ihene mu buryo budakurikije amabwiriza ya Minimum Package, bikaba byaragize ingaruka ku baturage aho icyari kigamijwe kitagezweho cyo kubakura ku cyiciro cy'ubukene bagana ku cyiciro cy'abishoye mu byiciro by'ubudehe ubu abo baturage bakaba batishimye, Inama Njyanama isaba ko ubuyobozi bw'Akarere bwakurikirana imikorere y'abo bakozi n'inzengo zishinzwe gukurikirana ukekwaho kunyereza iby'abaturage zikamenyeshwa, kandi umuyobozi w'Akarere wungirije ufite mu nshingano Imibereho Myiza y'abaturage akazakurikirana uko Minimum Package y'uyu mwaka izakorwa akabigira ibye hagamijwe gukosora amakosa yakozwe mbere.

- **INGINGO YA 6**

Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi mu Karere akaba ari nawe uhagarariye umuyobozi w'Akarere muri iki gihe adahari yagejeje kubari mu nama amakuru ku muganda usoza ukwezi kwa Nzeri/2018 ko umuganda ku rwego rw'Akarere uzabera

ku ma sites atatu (Umurenge wa Mwiri, Rwinkwavu na Ruramira), Umuyobzi w'Inama Njyanama asaba Abajyanama kuzitabira uwo muganda.

Inama Njyanama yasoje imirimo saa kumi n'iminota mirongo itanu z'umugoroba (16h50), Umuyobozi wayo ashimira abari bayirimo bose n'ibitekerezo byubaka Akarere buri wese yatanze asaba ko buri wese mu mwanya arimo ko aharanira ikizatuma Akarere kagira umwanya mwiza mu kwesa imihigo y'uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018/2019.

| | |
|---|---|
| **MUSABYEMARIYA Thérèse** | **MUKAMUYENZI Valentine** |
| **Umwanditsi w'Inama** | **Umuyobozi w'Inama** |

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA KAYONZA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YATERANYE TARIKI YA 28/09/2018**

| N0 | AMAZINA | UMURENGE YATOREWEMO | UMURENGE ATUYEMO | ISAHA | GENDER | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | BIDERI John Bonds | MUKARANGE | KIGALI | 9h00 | M | |
| 2 | GACINYA Faustin | MURAMA | KIGALI | 9h00 | [illegible] | |
| 3 | GAKUMBA Geoffrey | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | M | |
| 4 | GAKUMBA Robert | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00' | M | |
| 5 | HAGENIMANA Emmanuel | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | M | |
| 6 | HARERIMANA J Damascene | MWILI | MUKARANGE | | | |
| 7 | IRADUKUNDA Eugenie | MURUNDI | MURUNDI | 9h00' | F | |
| 8 | KANAMUGIRE Pascal | RUKARA | RUKARA | 9h00 | M | |
| 9 | KARAMA Joseph | KABARE | KABARE | 9h00 | M | |
| 10 | KAYITANA Fred | MURUNDI | KIGALI | 9h00 | [illegible] | |
| 11 | MUKAKABANO Evelyne | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | F | |
| 12 | MUKAMUSONERA Dative | MUKARANGE | MUKARANGE | 9h00 | F | |
| 13 | MUKAMUSONI Angelique | GAHINI | GAHINI | 9h00 | F | |
| 14 | MUKAMUYENZI Valentine | NYAMIRAMA | NYAMIRAMA | 9h00 | F | |
| 15 | MUKANDAYISABYE Magreth | NDEGO | KIGALI | 9h00' | F | |
| 16 | MUKARUSAGARA Beata | RUKARA | RUKARA | 9h00' | F | |
| 17 | MUNGANYINKA Hope | KABARONDO | KABARONDO | | | |
| 18 | MURENZI Jean Claude | GAHINI | MUKARANGE | | | |
| 19 | MUSABYEMARIYA Therese | RURAMIRA | KABARONDO | 9h00' | F | |
| 20 | MUSABYIMANA Anathalie | KABARONDO | MURAMA | | | |
| 21 | MUTANGANA Eugene | NDEGO | KIGALI | | | |
| 22 | MWISENEZA Jean Claude | NYAMIRAMA | NYAMIRAMA | | | |
| 23 | MWISENEZA Safina | KABARE | KABARE | 9h00 | F | |
| 24 | NYANDWI Gilbert | RURAMIRA | RURAMIRA | 9h00' | M | |
| 25 | RUGIGANA Jean Bosco | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | M | |
| 26 | ZIGIRA Alphonse | MURUNDI | KIGALI | | | |